ARAVUTSE UMWANA YEZU MUZE TUMURAMYE

Kuri uyu munsi tariki 24/12/2018 muri Katedrale ku Nyundo habereye Igitarambo cya Noheli cyakurikiwe n'Igitambo cya Missa cyatuwe na Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo. Muri iki Gitambo cya Misa niho yaboneye umwanya wo kwifuriza abakristu bose, abapadiri, abihayimana n'abandi bose kugira Noheli nziza.

Basaseridoti, Bihayimana, Bakristu, Bavandimwe, mbanje kubaramutsa mwese kandi mbaha ikaze muri iki gitaramo cya Noheli. Kristu Yezu akuzwe.

Mbanje kubifuriza mwese Umunsi mukuru mwiza wa Noheri. Noheli nziza kuri mwebwe mwaje muri iki Gitambo cy'Ukaristiya twibukiramo kandi

duhimbarizamo Ivuka ry'Umwana Yezu, Noheli nziza mu miryango yanyu mwese,Noheli nziza kandi ku banyu bose.

Muri uyu mugoroba,muri iri joro rihire, isi yose iri mu byishimo by'uko nk'uko Imana yari yarabisezeranyije abakurambere bacu mu kwemera yabohereereje Umukiza, Umucunguzi, Umwana Yezu, akaba yitwa Emmanuel, aribyo kuvuga : Imana turi kumwe. Mboneyeho kubanza nanone kwifuriza umunsi mwiza abantu bose bitwa ba Emmanuel, Emmanuela, Noheli, Noella.

Amasomo tumaze kumva uko ari atatu, yaba Isomo ryo mu gitabo cy'Umuhanuzi Izayi, yaba ya Baruwa Pawulo mutagatifu yandikiye Tito, yaba n'iyi Vanjili yanditwe na Luka, yose yagarutse kuri uyu mwana watuvukiye, ariko akaba ari umwana udasanzwe nk'abandi bana tumenyereye, kuko we ari Imana ubwayo, ari Umukiza w'isi.

Murabizi, nk'uko bisanzwe mu muco wacu wa kinyarwanda iyo umwana avutse impundu ziravuga, ibyishimo bikaba byinshi mu muryango no mu nshuti. Amakuru agahererekanywa ko mu muryango wa kanaka bari mu byishimo kuko umubyeyi yaruhutse, kuko kwa kanaka bibarutse umwana w'umuhungu cyangwa umwana w'umukobwa, mbese muri make umwana wese uvutse agatera ibyishimo. Ibyo byishimo tugira mu muco wacu wa Kinyarwanda ni nabyo tugira mu muryango mugari w'isi yose y'abemera. Ubu ku isi yose abantu baba babyiteguye neza, abashaka amafunguro adasanzwe, ibinyobwa bidasanzwe, abashaka imyambaro idasanzwe, ibyashara bikaboneka hirya no hino mu bacuruzi, buri wese akageragеza kwishimisha kubera Noheli. Ndizera ko ari ko bimeze no miryango yanyu. Ubu guhera kuri uyu mugoroba ndetse no mu minsi igiye gukurikira, indamukanyo yacu ikazaba Noheli nziza. Yewe nababandi batazi umuryango wa Kiliziya aho uba, indamukanyo yabo ikaba iyongiyo, umusinzi agasinda avuga Noheli, usabiriza ku muhanda agasaba avuga ku muha ka noheli! Mbese buri wese ugasanga yamenye noheli. Ibyo byose ni byiza, ariko ntibigomba kugarukira aho gusa kuri twebwe abemera kuko tuzi icyo neheli isobanura kuri twebwe. Niyo mpamvu mu kuvuza impundu tuba tuzirikana ko uwo Mwana Yezu watuvukiye, aba aje gukiza abantu bose, maze tukaririmba tuvuga tuti: Aravutse umwana Yezu araje gukuza abantu bose, tumuramye tumusenge. Tumuramye tumusenge kuko ari Imana yacu ije kubana natwe. Emmanuel Imana turi kumwe : Imana turi kumwe Jambo wigize umuntu. Nibyo Umuhanuzi Izayi yatubwiraga mu isomo rya mbere, atubwira ko abantu bagendaga mu mwijima babonye urumuri nyamwinshi, abari batuye mu gihugu cy'icuraburindi, urumuri rwabarasiyeho. Koko rero

bavandimwe, natwe Umwana Yezu watuvukiye arashaka kubana natwe, arashaka kutumurikira ngo tujye duhora turi abana b'urumuri. Iyo tugendera ku rumuri dukora ibyiza, ariko iyo hari umwijima, abagizi ba nabi, inkozi z'ibibi, abanyarugomo, abajura, babyungukiramo bagakora ibi kuko bababazi ko ntawe ubareba. Ariko iyo hari urumuri birabagora gukora ibyo bibi. Birumvikana ko baba bibeshya, kuko bashobora kwihisha amaso y'abantu, ariko amaso y'Imana yo ntibashobora kuyihisha. Imana rero iba ibareba. Twebwe rero, Bakristu bavandimwe, nk'abemera, nitureke Yezu rumuri rwacu ajye ahora atuyobora mu bikorwa byiza, mu mitekerereze myiza, mu mibanire myiza kuko ashaka kumurikira ubuzima bwacu bwose. Nk'uko nanone Umuhanuzi Izayiyabitubwiraga, Umwana Yezu, aje kudusakazamo ibyishimo, nitwishime tunezerwe rero nka ya mbaga y'Abayisiraheli. Koko rero bavandimwe ibyishimo byacu bifite imvano kuko Umwana twahawe umuhungu. Ariko twishimire ko twahawe umujyanama w'agatangaza,Imana idahangarwa, Umubyeyi iteka, Umwami w'amahoro. Uhereye kuri aya mazina Umuhanuzi aha uyu mwana Yezu, turumva neza uburemere bw'urukundo Imana idukunda, Imana idashobora kudutererana, Imana idahwema kuduhihibikanira kugira ngo tugere ku butungane.

Nk'uko Zaburi ya 96 twaririmbye yabivugaga, ni turirimbire Uhoraho, nidusingize izina rye, nitwamamaze ibyiza bye mu miryango yacu yose.

No mu isomo rya kabiri twumvise muri ya baruwa Pawulo mutagatifu yandikiye Tito, nitwakire ineza y'Imana, soko y'umukiro w'abantu bose yatwigaragarije muri Yezu Kristu. Nitwishimire iyo mpano Imana yatugeneye iha Umwana Yezu kuvukira muri twe. Umwana Yezu uje kutwigisha kureka kugomera Imana n'irari ry'iby'isi kugira ngo tubeho turangwa n'ubwitonzi, ubutungane n'ubusabaniramana. Nk'uko koko Umwana Yezu aje kutubera umujyanama w'agatangaza, Umubyeyi iteka, Umwami w'amahoro nk'uko Umuhanuzi Izayi yabitubwiraga mu kanya. Na Pawulo arunga mu ry'Umuhanuzi Izayi atwereka ko Yezu wemeye gusangira natwe kamere-muntu ari Imana yacu y'Igihangange akaba n'Umukiza wacu. Ku bushake bwe yemeye kwitanga kubera twe kugira ngo aturokore ubugome bwose bwa muntu, kugira ngo atwuhagire ubwandu bwose bw'umutima maze adutere ishyaka ryo guhora dukora ikiri icyiza. Mu nyigisho ye idushishsikariza guhimbaza Noheli, ukwigira umuntu kwa Jambo ,Mutagatifu Agustini abivuga neza agira ati: «Wowe muntu kanguka, kubera wowe Imana yigize umuntu. Kanguka wowe usinziriye,kanguka uve mu bapfuye kuko Kristu aje kukumurikira. Nongere mbisubiremo Imana yigize

umuntu». Mu nyigisho ye ndende uwo muhanga wa Kiliziya, akomeza atwereka ko iyo Yezu ataza kwigira umuntu twari guheranwa n'icyaha, ntitwari kugira ubuzima. Niyo mpamvu nawe adushishikariza guhimbazanya ibyishimo umunsi mukuru wa noheli, kuko guhimbaza noheli ari ukuzirikana ugucungurwa kwacu cyane cyane iyo twibutse ko Yezu Kristu ari we Nzira, Ukuri n'Ubugingo. Na Nyirubutungane Papa Fransisko mu nyigisho ye y'Igitaramo cya noheli mu mwaka wa 2013 yagarutse kuri iyo mpano, iyo cadeau itagereranywa Imana yahaye isi. Kubera urukundo Imana idukunda, kubera impuhwe z'igisagirane ifitiye abatuye isi, yashatse umwana wayo yinjira mu mateka yose y'abatuye isi agizwe n'ibyiza byinshi ariko n'ibibi bitabuzemo. Papa Fransisko akavuga ati: « Umunsi mukuru wa noheli ujye utwibutsa ko Imana iri mu ruhande rwacu, ko Imana ishaka kuturokora, ko Imana ishaka kudufata akaboko ikaduhagurutsa ngo tuve mu bikorwa bibi,bya bindi byangiza ishusho ya muntu waremwe mu ishusho y'Imana. Ati nitwakirane rero ibyishimo iyo mpano y'Umwana Yezu watuvukiye i Betelehemu». Atuzaniye ingufu za Roho zituma tuva mu mwijima, zituma tudaheranwa n'amaganya n'agahinda. Ati koko ivuka rya Yezu rituzaniye Inkuru Nziza y'uko dukunzwe ku buryo bwihariye n'Imana yacu. Ivuka rya Yezu rituzanire ubususuruke bw'ubuzima bwacu bwa gikristu. Nk'uko uruhinja ruvutse rususurutwa n'urukundo rw'umubyeyiwe, rugatuma agenda akura kurushaho, natwe ivuka rya Yezu niridukomeze mu bukristu bwacu tugende turushaho gutunganira Imana n'abantu.

Muri iyi minsi y'Advent turangije twakomeje kuzirikana ku nyigisho n'ubutumwa bwa Yohani Baptista integuza ya Yezu Kristu. Yohani Baptisita yakomeje kutubwira ati: Ugiye kuza ankurikiye sinkwiye no gupfundura udushumi tw'inkweto ze. Nyamara rero n'ubwo Yohani Baptista agaragaza ubuhangange bwa Yezu Kristu, iri vuka rye duhimbaza muri noheli riratwereka ko yaje aciye bugufi cyane. Nibyo Ivanjili ya Luka twumvise mu kanya yaduciragamo amarenga, itwereka ko Umwana Yezu yavutse mu bihe bitari byoroheye ababyeyi be. Byabaye ngombwa ko Umwana Yezu avukira mu bukene. Iyo duhimbaza noheli tuba dufite ikirugu, gishishanya bwa bukene Yezu yavukiyemo. Ababyeyi be Yozefu na Mariya ntibashoboye kubona ahandi hantu heza Yezu yashoboraga kuvukira uretse mu kirugu cy'inka, bakamuryamisha mu kavure inka zanyweragamo amazi. Nibyo tubona mu kirugu aho Umwana Yezu yavukiye, agasasirwa ibyatsi kuko ababyeyi be nta bundi buryo bari bafite, ngo bamusasire ibiringiti cyangwa se imyenda, amashuka se nk'uko tumenyereye kubibona muri za maternite n'ahandi. Ibyo byose byabereye kugira ngo tumenye neza Yezu Kristu Imana mu bantu.

Tumenye uko kwicisha bugufi kwe kandi natwe bitubere isomo ry'uko dukwiye kwitwara muri iy'isi yacu. Yemeye gufata kamere yacu y'abantu, imibereho yacu y'abantu, ubukene bwacu bw'abantu kandi yari Imana isumba byose kugira ngo abane natwe, abe Emmanuel: Imana turi kumwe.

Nguwo, bakristu, Bavandimwe uwo twishimiye ivuka rye, uwaje atugana kugira ngo atuvane mu mwijima maze tugendere mu rumuri. Nguwo uwo dukunze kwita Zuba rirashe utuzaniye amahoro. Uwo Umuhanuzi Izayi yise nk'uko twabyumvise : Umujyanama w'Agatangaza, Imana idahangarwa, Umubyeyi iteka, Umwami w'amahoro.

Ndangije nongera kubifuriza Noheli nziza rero mwese n'abanyu bose, tuyihimbaze tugendera kunama nziza z'uwo mujyanama wacu w'agatangaza Imana yatwihereye. Tuyihimbaze tuzirikana ku mahoro uwo Mwana watuvukiye atuzaniye, kandi twiyemeze kuyasakaza mu ngo zacu no mu baturanyi bacu. Tuyihimbaze twishimira uwo mwana watuvukiye kandi utubereye Umubyeyi iteka.

Nyagasani Yezu nabane namwe !!!

Nyuma y'Igitambo cya Missa Umwepiskopi yaramukije Abihayimana anabifuriza Noheli nziza.

Noheli nziza kuri mwese, ku miryango yanyu n’inshuti zanyu !!

Padiri Jean Marie KWIZERA